M. Rukeba rappelle notamment que le Gouvernement rwandais avait accepté en février 1962, lors d'une commission de réconciliation mise sur pied par l'ONU, de rapatrier les réfugiés. Trente ans après, c'est encore l'exil. Les solutions proposées au problème des réfugiés sont jugées inacceptables par l'opposition en exil. Kigali prône en effet le rapatriement individuel sur demande (qui peut être accepté ou refusé), l'intégration dans le pays d'asile et l'octroi du droit de visite. Les réfugiés eux aspirent à retrouver l'unité par la concorde nationale en mettant «fin à l'équilibrisme ethnique et régional dans les écoles et les divers services publics et privés afin que les citoyens soient considérés uniquement sur la base de leurs droits, libertés et compétences et non sur la base de leur appartenance ethnique et régionale». Autrement dit, les réfugiés réclament leur patrie et «le droit d'y revenir et de jouir de tous les droits de citoyenneté sans aucune distinction».

Pour Kigali, ce sera un retour individuel ou la naturalisation dans le pays d'exil

Dans tous les forums internationaux, publiquement, le gouvernement de Kigali s'est toujours déclaré préoccupé par le problème des réfugiés rwandais.

Mais, pour l'ambassadeur du Rwanda au Canada, M. Joseph Nsengiyumva, «une solution réaliste et humaine au problème angoissant des réfugiés rwandais» ne saurait être envisagée en dehors du contexte historique et économique de ce petit pays d'Afrique.

«Le Rwanda, rappelle M. Nsengiyumva, est un petit pays à peine plus grand que la Gaspésie» dont la densité de la population est «de l'ordre de 260 habitants au km carré». Le problème démographique rend ardue toute recherche de solution au problème des réfugiés. C'est comme lorsque «vous allez au cinéma», explique M. Nsengiyumva, et que vous trouvez la porte close parce que la salle est pleine. Vous ne dites pas qu'on vous a refusé le droit d'entrée, mais qu'il n'y a plus de place!».

Autre problème majeur pour Kigali: celui de la pauvreté du Rwanda. «Il s'agit, affirme l'ambassadeur, d'un pays classé parmi les plus pauvres du monde qui vit de l'économie de subsistance, tributaire essentiellement du secteur agricole qui occupe 95 p. cent de la population. L'économie du Rwanda comme celle des autres pays africains ne connaît aucun

ne croissance et les perspectives sont mauvaises.»

Enfin, les considérations politiques ne sont pas à écarter. Pour M. Nsengiyumva, le parti de l'Union nationale rwandaise en exil, dirigé par M. Claude Rukéba, en raison de sa volonté d'établir au Rwanda une monarchie parlementaire, est «un groupe issu de la féodalité rwandaise de triste mémoire».

C'est «en des temps immémoriaux» qu'a commencé la lutte «entre l'agriculteur et l'éleveur, explique-t-il, entre la bouse du paysan hutu et la vache de l'éleveur tutsi. Ce dernier, quoique minoritaire, a gagné et mis en place un système politique monarchique hiérarchisé, chassé gardée des grandes familles tutsies, la majorité de Hutus agriculteurs étant complètement asservie politiquement et socialement».

La colonisation

«Les colonisateurs blancs, poursuit M. Nsengiyumva, trouvèrent au Rwanda une société stratifiée et se servirent du système féodal existant comme administration indirecte pour faire exécuter les corvées de l'époque à la population. Ainsi, le petit peuple souffrit d'une double colonisation, celle des seigneurs féodaux de l'ethnie tutsie et celle du colonisateur blanc. Ces deux colonisations seront totalement évacuées lors

de la lutte pour l'indépendance, obtenue en 1962.»

Il va sans dire que c'est à ce moment que le problème des réfugiés rwandais est né. Certains «voulaient l'accès à l'indépendance du Rwanda sous un régime monarchique dans lequel la minorité ethnique tutsie (14 p. cent de la population à l'époque) accaparait toute la réalité du pouvoir. D'autres, ceux qui triomphèrent, souhaitaient un système politique sur la base des partis et d'élections démocratiques. La république fut proclamée et «fut aboli à jamais le régime monarchique et le système féodal».

Les «partisans de l'ordre ancien (...) s'exilièrent ou adoptèrent la stratégie de la terreur à partir des pays voisins en vue de la reconquête du pouvoir».

«Il y eut, rappelle l'ambassadeur Nsengiyumva, un ministère pour les réfugiés jusqu'en 1966, (...) ceux qui voulaient rentrer le firent avec l'aide du gouvernement et du Haut commissariat des Nations unies pour les réfugiés. Le retour massif ayant cessé, la procédure de retour individuel par le canal du HCR fut maintenue jusqu'à ce jour. Il y a des réfugiés qui rentrent au Rwanda, même maintenant.»

Aujourd'hui, le gouvernement de Kigali tente de trouver une solution «à travers les instruments internationaux aux

quals le Rwanda a adhéré». Il a pris «les mesures nécessaires pour que ceux qui veulent visiter les membres de leur famille puissent le faire. Le retour individuel par le canal du HCR est toujours en vigueur».

Peu réaliste

Reste qu'il n'est pas question pour le gouvernement Habyarimana, comme le demande l'UNAR, d'un «retour massif et anarchique de tous les réfugiés». Cela «s'avère peu réaliste», affirme M. Nsengiyumva, à cause des contraintes physiques du pays et de sa pauvreté. (...) L'approche originale du Rwanda est de négocier avec les pays qui hébergent les réfugiés pour qu'ils envisagent la naturalisation de ceux qui le veulent, car on ne doit contraindre personne. Le gouvernement rwandais, dans un souci de maintenir la sécurité nationale et régionale veut donc mettre complètement fin au problème des réfugiés rwandais par le retour individuel et la naturalisation».

«En ce moment, conclut l'ambassadeur Nsengiyumva, nous sommes en train de négocier avec la Tanzanie les modalités d'installer là-bas un million de Rwandais. Ce n'est pas le moment de nous engager à prendre encore un nombre de quelque 200 000 personnes qui vivent à l'étranger depuis plus de 25 ans.»

INZANDIKO ZA KIGELI

Nairobi 21 décembre 1989.

BANYARWANDA, BANYA-RWANDAKAZI.
MU BIHUGU MURIMO BYOSE.

Mbifujije ko umwaka wa 1990 ubabera muhire, ukabazanira imigisha myinshi, mu bikorwa, mu bitekerezo, mu mibereho no ku buzima.

Nk'uko mpore mbabwira, aho ndi hose mbahorana ku mutima no mu masengesho, sinjya mbibagirwa mu ngorane twese dusangiyi.

Mu mwaka ushize nabashinze ingingo eshatu:

1. Gushyira hamwe,

2. Kungurana ibitekerezo,
3. Kurwanya amacakubiri.

Izi ngingo nizo zizadushoboza ibikorwa byacu byose, tukazabona kugera ku ntego yacu: yo gutaha mu Rwnada kandi mu mahoro dukesha Imana.

Kugira ngo dushobore kugera ku ziriya ngingo uko ari eshatu tugomba ibi bikurikira:

1. Umwete: Guhuguka tugakorana imbaraga.
2. Ubupfura: ni ugukena ntuhemuke, kandi wakira ntihemuke.
3. Kwiyubaha no kubahaha: abato bakubaha abakuru, n'abakuru nabo bakubaha abato. Buri muntu

akamenya ko akwiriye kubaha ibitekerezo bya mugenzi we, kuko uwibwira ko arusha abandi ubwenge uwo ni we utabugira.

4. Mu byo mwandika byose mugomba kwirinda ibitutsi, gutukana si umucyo wa kinyarwanda, kandi ibitutsi bitera icyangiro ibitekerezo ushaka kugeza ku bandi.

Nimwiyegeanye aho muri hose, murusheho kumvikana no kubaha Leta z'ibihugu byabakiriye, mukurikize umuco karande w'ababyaye ni wo murage wa ba sokuru.

Umwami Kigeli V J.B. NDAHI-NDURWA.

(Sé)

(Reba ibikurikira ku rup. rwa 15)

UWACUKUMBURA IBYA SEMUSAMBI YASANGA ARI ITIKU RIKAZE.

Muri iyi minsi, imwe mu nkuru zivugwa cyane mu gihugu ni iyerekeye «Urubanza rwa SEMUSAMBI Felisiyani na NDUWAYEZU Agusitini, Umunyamabanga Mukuru w'Ibiro Bishinzwe Iperereza». Abaturage amafaranga agiye kuzadushiramo kuko nta kinyamakuru cyigenga gisigaye gisohoka ubu urwo rubanza rutarimo. Arikó se koko, ubu tuje aho batubeshye twemere koko?

1. Ubu koko hari umunyarwanda uretse injiji, wakwemera ko Liyetona Colonel RUTAYISIRE yakoze ankete aho kugira ngo ajyane raporo y'ivo ankete kubamutegeka, akayishyira SEMUSAMBI? Mubona koko ko SEMUSAMBI azi raporo y'ivo ankete? Se kuki atayanditse muri ka kanyamakuru yise UMURANGA niba ayifite koko?
2. Ubo koko, uretse amatiku, hari uwakwemeza ko NDUWAYEZU yabwiye Padiri SIBOMANA André ngo azamwica nka bene wabo? Ibyo bintu koko hari umuntu watinyuka kubibwira undi? Nko kubona hari uwakwemera ko uwo mupadiri aho kujya kwishingana kwa Musenyeri we yahisemo kujya kwa SEMUSAMBI?
3. Ubu se, atari amatiku, ninde uyobewe ko SINDAMBIWE Silvio yatewe amabyi na SAFARI. Ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kandi ko Silvio uwo yashimiye imikirize yarwo kuko ntaho yajuririye?
4. Agisida ziba muri uru Rwanda ni zingahe? Abasomali, Abaganda cyangwa Abanyakanya bibagirwa bagata umukono wabo bagateza za gisida ni bangahe? Umunyarwanda ugendera mu modokari wakwihangaza akavuga ko atahura n'agisida nk'ivo ni nde? Kuba byarabaye kuri SINDAMBIWE Silvio harimo ikihe gitangaza? Harimo ubuhe bugambanyi niba tuzi abandi byabayeho; tukamenya natwe ko bishobora kutubaho igihe icyo aricyo cyose? Ari ikamyo iva i aha ijya i Butare, ari ivatiri iva i

Butare ijya i Kigali; ikihuta ni ikihe kugira ngo ubihurize muri Rwabuye?

5. Ngo NYIRAMUTARAMBIRWA na we yaragambaniwe! Ubwo koko niba atari amatiku, hari uyobewe agisida ziba muri Kigali? Kuki agisida yakwica kanaka wowe ukibwira ko itakugeraho ni iki? Kuki we se itari kumugeraho?
6. Se ubwo NDUWAYEZU niba badashaka koko kumukorera itiku rikaze, hari uwakwerekana icyo ahuriyeho n'abajede bashinzwe gukora ankete z'ibibereye mu mihanda yose y'Igihugu noneho ubwo buvandimwe bahuriyeho akaba ari bwo bwabuza abo bajede gushushanya (croquis) no kwandika ukuri?

9. Se ko mubyo SEMUSAMBI yanditse ntaho tubona NDUWAYEZU asubiza, ubwo koko yaburanye na SEMUSAMBI ate?

Ibi ni bimwe mu bibazo nibajije maze gusoma ibyo Kinyamateka, Kanguka n'Umuranga byanditse ku rubanza rwa SEMUSAMBI na NDUWAYEZU.

Ariko se SEMUSA-MBI uwo ni muntu ki?

abantu benshi, nanje ndimo, bibaza uwo muntu wiyejeme guhangana n'abategetsi uwo ari we, ku buryo byanteye amatsiko bituma nkurikirana ngo menye uwo ariwe.



7. Abajuji b'i Butare baciye urwo rubanza rwa Silvio SINDAMBIWE n'abamugonze se bo bapfana iki?
8. Harya koko ngo umuntu uyobora Ibiro by'Iperereza ntijayja gukora ankete muri Gitarama? N'abatariwe ko barikorayo ra !!!

Dore muri make abamuzi uko bamumbwiye:

SEMUSAMBI ngo ni mwene BUSHISHI na KABAYUNDO b'i Remera muri Komini Nyabikenke ho muri Gitarama, ubu akaba yituriye mu Gakinjiro ka Kigali.

Kugeza ubu ntawari wahakana cyangwa ngo yemeze ibibera i Kibeho. ariko tuzi neza ko hajyayo abantu benshi ku buryo ibihabera bitabura umugabo wabihamya. Ndetse hari n'abagiyе bafata amajwi y'ababonekewe bose. Muri abo bose hari uwaba yarumvise izina rya NDUWAYEZU muri iryo bonekerwa ry'i Kibeho? SEMUSAMBI yaba ahera he ko muri abo bicanyi Bikira Mariya yaba yaravugiye i Kibeho harimo NDUWAYEZU?

Ntawe uyobewe ko Silvio SINDAMBIWE yazize agisida y'imodoka yabereye mu Rwabuye i Butare ku itariki ya 7 Ugushyingo 1989 mu gitondo ajya i Kigali. Umushoferi wamugonze witwa ABDI MUHAMUD GURED na boyi-shoferi we witwa MUHAMED MUHAMUD Hassan bahise bafatwa barafungwa, bashyikirizwa ubucamanza buhanisha uwo mushoferi igifungo cy'amezi atanu n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frw) nk'uko bigaragazwa n'urubanza R.P. 22861/55 rwakijijwe n'urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Butare kuwa 25 Mata 1990. SEMUHANUKA, nako SEMUSA-MBI, ati : « umushoferi yatorokeshejwe na ba maneko ba NDUWAYEZU bavuganiraga mu turadiyo ». Ko nsanga iyinkuru ayivuga nk'uvari uyihagazeho, habura nibura undi muntu n'umwe waba yarabibonye ngo abe yaramutanzeho umugabo ?

NDUWAYEZU yakabaye igi-hangange !! (umva ko ngo yaba yarananyuze mu ishuri ry'abicanu mu Bugande) aba yarerekanye ubuhanga nka buriya CIA ikaba itaramwiba ngo ijye kumukoresha ? Se iryo shuri riba ahagana he muri Uganda ? Abaryigishamo se bo ni bande ?
Nta bandi baba barayizemo yaba azi ?

SEMUSAMBI yemeza ko NDUWAYEZU afite undi mugambi wo kwica Padiri SIBOMANA ndetse ngo akaba yaranabimubwiye. Ko tuzi ko Padiri SIBOMANA ategka ikiyamakuru cyigenga, ashobora kwandikamo icyo ashaka, kandi akaba ari umuntu ushobora kugera mu nzego zose z'ubutegetsi, kuki atishinganye akagomba gushinganwa na SEMUSA-MBI ?

Mu iburana rya SEMUSAMBI yavuze ko ngo uwitwa KAYINAMURA Beduwa ari we wumvise ba maneko

bavugira kwa MUTWE ko Padiri SIBOMANA bazamugira nk'uko bagize SINDAMBIWE. Nyamara ababikuri-kiranira hafi bambwiye ko mu ibaruwa yandikiye Perezida wa Repubulika kuwa 24 Ugushyingo 1989, avuga ko ari we wabyiyumviye anyuze aho kwa MUTWE ari inyuma y'uruzitiro abo ba maneko bariho banywera imbere mu nzu. Ubwo se koko uretse kubesha no gukora itiku, KAYINAMURA na SEMUSAMBI baba ari umuntu umwe ?

Ikirego cya nyuma ari nacyo cy'injyanamuntu, ngo NDUWAYEZU ashaka guhirika ubutegetsi bwa Perezida HABYARIMANA usibye ko SEMUSAMBI we atari ko amwita. Ngo ni « KAYIBANDA w'ubu ». Ko afite izina rye twese abanyarwanda tuzi, ajya kwitwa « KAYIBANDA w'ubu » kubera iki ? Njye nkurikije iyo mvugo ya SEMUSAMBI, ndabona ko kugeza n'ubu bigaragaza ko atari yemera Umukuru w'Ighugu uraho. Kumushyigikira byo byaba biri kure n'ubwo abasenyeri bamubeshye akamuha umudari w'ishimwe.

Ati ikigaragaza yuko NDUWAYEZU ashaka guhirika ubutegetsi ni uko atakinekera Perezida HABYARIMANA, ubwo ngo akaba agomba kuba afite undi anekera, ngo ndetse Umukuru w'Ighugu yabyivugiye kuwa 16 Werurwe 1990 avuye gusura amakomini ya Maraba, Karama na Bwakira yazahajwe n'inzara.

Abumvise radiyo ku itariki ya 16 Werurwe y'yu mwaka bumvise ko ibyo byavuzwe n'abanyamakuru. Nta munyarwanda n'umwe wumvise ijwi rya Perezida ryemeza ko NDUWAYEZU atamugezaho ibyo aperereza cyangwa se ngo abishyire abandi.

Dore uko abanyamakuru babitugeje-jeho :

**Mu kinyarwanda,
umunyamakuru SI-BOMANA Aimable
yatubwiye ko :**

« Umukuru w'Ighugu cyacu yanagaragaje ko ababajwe no kubona inzego zibishinzwe zidaherekanya amakuru uko bikwiye ».

Ese Umukuru w'Ighugu azajya agomba guhaguruka ubwe kugira ngo akunde amenye ko hari abicwa n'inzara cyangwa ko hari abasuhutse kandi aho bibera hari umukozi w'Ibiro by'lperereza, hari uhagarariye Ofisi y'Amatangazo ya Leta, hari n'abandi bakozi bo mu nzego z'ubutegetsi n'iza politiki, ibyo rwose Perezida wa Repubulika yagaragaje ko bimutangaje... »

Mu gifaransa, umunyamakuru Jean François NSENGI-YUMVA yabitugeje-jeho atya :

« ... Le Chef de l'Etat a regretté que l'information ne circule pas suffisamment de la base au sommet. Faut-il que les responsables du pays doivent se déplacer pour savoir qu'il y a eu des victimes de la pénurie alimentaire et l'immigration de nombreuses familles alors qu'il y a sur place le Service Central de Renseignements, les correspondants de l'Office Rwandais d'Information, les cadres administratifs et politiques, s'est étonné le Président de la République ».

Ari abumva ikinyarwanda ari n'abumva igifaransa, niba koko ibyo aribyo byavuzwe, mwese muriyuvira ko Perezida wa Repubulika yavuze umukozi w'i Gikongoro kandi twese tuzi ko NDUWAYEZU akorera i Kigali. Kugira ngo rero ibivugwa ku mukozi w'i Gikongoro ushake kubigira ingingo mu rubanza rureba umukozi w'i Kigali, birumvikana ko ari itiku rikaze.

Ikindi kandi, amabarwa SEMUSAMBI yandikiye Perezida wa Repubulika yayanditse umwaka ushize wa 1989, ubushinja-cyaha butanga ikirego mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kuwa 26 Werurwe yu mwaka, urubanza rusomwa kuwa 6 Mata 1990. Ibyo binyoma ko yari yarabyanditse mbere y'nama ya Leta atangaho umugabo yabaye kuwa 16 Werurwe 1990, yahereye he atanga inyandiko-mvugo y'ijo nama ho ikimenyetso ?

Ikindi rero.

Nasesenguye inyandiko za SEMUSAMBI ahora atugezaho

Yavutse muri 1937 akaba yubatse afite n'abana icyenda. Nabajije amashuri yize nsanga adakanganye cyane, kuko atigeze arenga uwa gatanu w'amashuri abanza.

N'ubwo atari intiti cyane, SEMUSAMBI yashoboye kwirwanaaho bihagije abifashijwemo n'abapadiri, aba umwarimu, akora no muri KINYAMATEKA. Yabaye n'umunyamakuru wa Ofisi y'Amatangazo ya Leta, ariko kubera uburwayi yahisemo gusezera ajya kwikorera ku giti cye.

Muri uwo murimo w'Itangazamaku, yaba yararanzwe n'akarimi karekare yikoma cyane cyane abategetsi. Abakuru muri twe baba bibuka inyandiko isebya ubutegetsi bwa Repubulika ya mbere, aho yagonganishaga abategetsi mu nyandiko yise «UMUGANI W'UBUTEGETSI BWINTARE N'INGWE». Ababikurikiraniye hafi bemeza ko yandika iyo nyandiko yari afite umugambi wo guhirika ubutegetsi bwariho icyo gihe ku buryo byamuviriyemo gufungwa muri 1968.

Ariko aka wa mugani ngo «Akabaye icwende ntikoga» ntibyatye kabiri, ka karimi kamuranze kuva kera katumye atangira kugenda asesereza inzego zimwe na zimwe z'ubutegetsi ari nabyo RUGERINYANGE Noheri yatubwiraga muri KANGUCA N° 38 «si ubwa mbere SEMUSAMBI YIJUNDIKA UBUTEGETSI N'ABATEGETSI».

Muribuka nk'aho yagiye asesereza abategetsi n'ubutegetsi muri twa dutabo twe twitwa «UBUCAMANZA N'AMARIRA YA RUBANDA», «UBWATO MU MUHENERI», ukuntu yakururanye na Ofisi y'Amatangazo ya Leta biturutse ku mpanuka y'imodoka yagiriye mu Gatyata ngo bari bashatse kumwica ku bushake, naho yikomaga abayobozi ba Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye mu nyandiko ye yise ngo «NI TWE TWIBYARIRA IBIBAZO» yanditse muri KINYAMATEKA N° 1213 n'ibindi umuntu atakwirirwa arondora.



Abamuzi neza banatubwira ko yageze muri gereza agashaka kwiyahura. Aho afunguriwe yatorokeye i Bugande. Yagarutse ejobundi aho Repubulika ya Kabiri iziye, asaba akazi muri Ofisi y'Amatangazo ya Leta. Mu ntangiriro, ako kazi yagakoze neza ku buryo yanabishimiwe, ahabwa igihembo cyitiriwe MUNYANGAJU, ndetse n'Umukuru w'Ighugu aza kuzamuha umudari w'ishimwe witwa Chevalier de l'Ordre National des Grands Laes, abisabwe na Musenyeri igihe KINYAMATEKA yizihizaga imyaka 50 imaze.

Nyamara SEMUSAMBI ntiyahugiye muri ibyo byo kwandika gusa, yagiye ashaka uburyo yabona urufaranga rwo kumubeshaho muri uyu mugi wa Kigali. Yashoboye kwiybakira amazu icyenda amuzanira amafaranga, yigurira taxi, ndetse akaba afite n'icapiro mu Gakinjiro ryamufashije gukomeza imrimo ye y'ubwanditsi aho aviriye mu kazi ka Leta ku buryo yanashoboye kwishyiriraho akanyamakuru kamwamamaza yise «UMURANGA». Ako kazi k'ubwanditsi kandi yivugira ko agafatanyije no kugira abantu inama mu bibazo baterwa

n'abandi nk'uko bigaragara ku cyapa kiri ku nzu y'icapiro rye. Nta washidikanya ko iryo capiro ryinjiza amafaranga atubutse kubera ko ridatinya no kwandika amatiku andi macapiro yanze, n'aho yaba abangamiye abandi n'umutekano rusange. Mbese ngo uwabuze aho yandikira amatiku, cyangwa se ushaka gusebya undi mu nyandiko, kwa SEMUSAMBI ntahejwe!

SEMUSAMBI aranze abaye umuhanga w'amatiku n'ubutiriganya.

SEMUSAMBI yandondogoje, atuma nibagirwa icyanzinduye! Abakunze gusoma KINYAMATEKA, KANGUCA, n'UMURANGA, mwabonye ko SEMUSAMBI yakurikiranywe n'ubucamanza kubera inyandiko z'ibinyoma yoherereje Perezida wa Repubulika. Muri izo nyandiko yaregaga NDUWAYEZU Umunyamabanga Mukuru w'Ibiro bishinzwe Iperereza ko yakwije impuha i Gitarama ngo abahutu bagiye kwica abatutsi, ko yateye amabyi Silvio SINDAMBIWE, ngo abonye atanyuzwe yiyemeza kuzamuhitana acoresheje impanuka y'imodoka kandi abigeraho. Yamuregaga kandi ko ashaka guteza imvururu mu gihugu zigamije guhirika ubutegetsi bwa Perezida HABYARIMANA. Njye nkurikije inyandiko zose nasomye muri ibyo binyamakuru, njye ndemeza ko SEMUSAMBI ntaho ahuriye nabyo, ahubwo ko ari igikoresho kuko uko ubona agenda yivuguruza, ahimba, abeshya usanga ari amatiku bamutekereye kugira ngo ayagereke kuri NDUWAYEZU.

Na we se, ngo umuntu yakwije ibihuha i Gitarama ngo kuko yagiyeyo gukora anketi atahurujwe na Perefe. Ubwo se koko ibiro bishinzwe iperereza byajya bitegerezza gutumwaho kugira ngo bikore akazi bishinzwe? Aho none SEMUSAMBI Felisiyani ko tuzi ko yigeze gutura i Gihuma hafi y'i Kabgayi, ntiyaba ari we wateje izo mpuha, bigatuma atanguranwa ngo anketi itazamufata? Yasobanura ate ukuntu ibyo bihuha byasakaye i Kabgayi gusa ntihagire akandi gace ka Komin Nyamabuye cyangwa aka Perefegitura ya Gitarama bigeramo?

ntangazwa n'ukuntu yagiye abogamira uruhande rumwe, akatubwira uko yireguye, nyamara ntatubwire uko NDUWAYEZU yireguye. Nyuma naje kumenya ko ngo NDUWAYEZU atigeze arega ko ahubwo SEMUSAMBI yaburanaga n'Ubushinja-cyaha bwari bwaramutahuyeho umugambi wo gukwiza amatiku n'icyuka kibi mu gihugu.

Yaba se yarabonye igihano gikwiye?

Ubushinja-cyaha bwashyikirije ikirego Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali, rusanga koko icyaha SEMUSAMBI aregwa cyo kubeshyera NDUWAYEZU kuri Perezida kimuhama, rumuhanisha igifungo cy'amezi atandatu, kigasubikwa mu gihe cy'umwaka umwe. Abamilita benshi twahise twibaza ukuntu uwo muntu wari ugamiye gukwiza icyuka kibi mu baturage, yahanishwa igihano kiri hasi y'icy'uwibye igitoki kandi yishwe n'inzara. Abahanga mu by'amategeko bambwiye ko bene icyo cyaha gihanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu kugera ku myaka itatu n'ihazabu y'amafaranga kuva ku gihumbi kugera ku bihumbi makumyabiri cyangwa kimwe gusa muri ibyobihano.

Kuba abacamanza barakubise inkoni izamba bakamuha igihano gito ndetse na cyo kigasubikwa bitwaje ngo yakoreye Leta, nabyo ntabwo byumvikanye neza, kuko ahubwo SEMUSAMBI afite impamvu nkomeza-cyaha (circonstances aggravantes) zo kuba yarabaye umunyamakuru ige kirekire uzi inshingano z'ibyo akora nkana akajya kwandika ibinyoma abyandikira inzego zikomeye.

Tuvuge se ko urukiko rwaba rwarayobejwe n'ubushinja-cyaha bwari bwamusabiye igihano gito bwitwaje ko yaba yarakoreye Leta neza? Nyamara kuko urukiko rwigenga mbona bitari ngombwa ko rugendera ku mvugo y'ubushinja-cyaha. Naje no kumenya ko Padiri SIBOMANA wo muri KINYAMATEKA n'uwitwa KAYINAMURA Beduwa SEMUSAMBI agerekaho imvugo zimwe na zimwe, ngo batigeze babazwa mu bushinja-cyaha. Byari kurushaho kuba byiza kuri twe

abasomyi iyo tuza kumenya ukuri kw'abo bantu. Urukiko na rwo ntirwabidufashijemo kuko rutigeze ruhamagara abo bantu ngo rubumve. Ibyo bikaba byaratume ibinyoma bya SEMUSAMBI bikomeza guhabwa intebé, ndetse na we ntiyatinye no kubicuruza akoresheje akanyamakuru ke kitwa «UMURANGA».

SEMUSAMBI aruhanya kwinshi.

SEMUSAMBI ntiyanyuzwe n'izo mbabazi, ahitamo kujurira mu rukiko rw'ubujurire rwa Kigali, asaba ko ngo rwavuga ko ari umwera. Nyamara njye ndabona ari amaco y'inda! Yarashakaga ngo ako kanyamakuru gakomeze kagurwe ndetse n'izo mpuha zirusheho gukwira kuko urukiko rw'ubujurire narwo rwemeje icyo cyaha cyo kubeshyera NDUWAYEZU. Ndetsé n'ubushinja-cyaha ntibwanyuzwe n'ibihano urukiko rware rwahaye SEMUSAMBI, nuko bwajuriye busaba ko insubika-gihano yavaho. Igitangaje ni uko bwajuriye buvuga ngo SEMUSAMBI yahawe insubika-gihano Urukiko rwitwaza ko yakoreye neza igihugu kandi mu kazi ke kose yararanze n'nyandiko zisebya ubutegetsi. Nyamara ngo bwagiye kuburana bubura ibimenyetso by'zo nyandiko zisebya ubutegetsi SEMUSAMBI yaba yaragiye yandika mu myaka yashize. Ni amayobera.


Aka ni akumiro! Ubwo se bwari bwajuririye iki niba bwari buzi ko nta bimenyetso bufite? Niba se ari ige eyabubanye gito, ni iki cyatumye budasaba urukiko ngo rwigizeyo itariki

y'urubanza ngo bubanze bubishi. Cyangwa se bwanze kwivuguruza mu mvugo yabwo mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo aho bwasabaga urukiko kudahana SEMUSAMBI rwihankiriye ngo kuko yakoreye neza Igihugu. Nyamara njye mbona Urukiko rw'Ubujurire rwarakoze akazi karwo usibye ko kunoza SEMUSAMBI bitoroshye ngo azashirwa ageze mu Rusesa Imanza. Hari n'abavuga ko ndetse yari yaranditse asaba iseswa ry'urwo rubanza, nyuma akaza kwisubiraho. Ubwo ni uko yemeye ko ari umunyamatiku koko.


Mbere yo kurangiza inyandiko yanje nagira SEMUSAMBI inama yo kuzasaba imbabazi bariya bantu bose yaharabitse mu nyandiko ze kuko nsanga bashobora kumurega na ya nsubika-gihano yaririragaho ikaba yavaho. Sinshidikanya ko urukiko rutazuyaza kumuhana rwihankiriye uryia ZIGAMA avuga ko yamuteye mu bitaro kumwica atumwe na NSEKALIJE, cyangwa se uryia muforomokazi «AGATA» twese twemera ko abeshyera ngo yari agiye kumutera urw'ingusho. Iby'uriya MABURAKINDI na Léonidas avuga ko bashaka kwica BEDUWA nabyo byakwakirwa n'inkiko kandi zabimuhanira koko. Ibya Liyetona Koloneli RUTAYISIRE avuga ko yamuhye raporo yakoreshheje ruriya rubanza rw'amatiku nabyo byakwakirwa n'inkiko aramutse abimuregeye.

Ngibyo ibitekerezo nashakaga kugeza ku bandi basomyi.

**MUGABO Edouard
Nyamirambo - Kigali**



Nitwa Docteur. Navutse ku wa 10/04/1990. Uzamenya isaha navukiye, azahabwa ifatabuguzi rya KANGURA umwaka wose.



J.B. NDAHINDURWA
B.P. 31.608.
NAIROBI-KENYA.

Kuri Bwana Représentant wa
Haut Commissariat des Nations
Unies pour les Réfugiés.
B.P. 13.800
NAYIROBI - KENYA.

Nyakubahwa,

Tuboherereje indamutso zacu.

Dukurikije ibyo mwadusabye, igihe duherutse kugirana imishyikirano twembi, biradushimishije kuboherereza ibyifuzo by'impunzi z'abanyarwanda bivanze n'ikizere cy'inkunga yanyu mwadutera igomba kutugeza ku buryo bwose nonaha mu mahoro mu gihugu cyacu cya ba sogokuruza.

I. ICYEMEZO CY'IMPUNZI Z'ABANYARWANDA.

1. Tumaze kumenya akababaro gaturutse mu mpande zose z'bihugu byatwakiriye : Kenya, Uganda Burundi, Tanzanie, Zaïre, n'ibindi ...
2. Tumaze gusuzuma mu buryo buhagije ibyanditswe mu binyamakuру byose : Impurusa, Intego, Munyarwanda, Inkotanyi, n'ibindi byanditswe n'impunzi z'Abanyarwanda aho ziri hose;

3. Tumaze no gusoma amatangazo yandi aturutse mu mpande zose z'isi ;
4. Tumaze gusuzuma ibyavugije muri congrès yabereye i Washington muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, iyo congrès ikaba yarahije abahagarariye impunzi z'abanyarwanda baturutse mubihugu 14 byatwakiriye ;

TWESE ABANYARWANDA TURI MU BIHUGU TWATATA-NIYEMO TURABAGARAGARIZA ICYEMEZO CYACU TWESE HAMWE GIKURIKIRA :

- Turashaka itaha rya vuba tugaruka mu gihugu cyacu cya ba sogokuruza bacu.
- Turashaka gutaha mu bumwe n'amahoro.
- Turashaka kubaka igihugu cyacu twese dufatanye urunana.

Ibyo ni ibitureba ndetse natwe ubwacu : tukiri mu bihugu byatwakiriye, namwe ari ikibazo kireba Abanyarwanda barutuyemo, turashaka y'uko ibyo byaba hatarimo ivangura ry'amoko, ry'akarere, ry'idini, cyangwa n'ikindi cyatera ivangura iryo ari ryo ryose.

II. IMPAVU ZITAHUKA RYACU MU GIHUGU CYACU :

1. Twahunze umukolonize washakaga kururimbura twese ku isasu, iba ariyo mpamvu yatumye tuva mu gihugu cyacu, ducika isasu rye. Ibyo byatumye uwo mukolonize atwishiye mu mutwe kuko twasabye ubwigenge bw'u Rwanda. Mu magambo ahinnye, no kugira ngo tubagaragarize uko ibantu byari byifashe icyo gihe, birahagije kugira ngo uwo ari we wese yisomere ibi bitabo bibiri bikurikira : icya mbere cyanditswe na J.P. HARROU Cyitwa « DE LA FEODALITE A LA DEMOCRATIE » ni ukuvuga ngo guhera ku ngoma ya gihake kugera muri Démocratie. Icy a kabiri ni icya Bwana G. LOGIEST wari Résident Spécial w'u Rwanda ; icyo gitabo kikitwa : MISSION AURWANDA, ni ukuvuga ngo : UBUTUMWA mu Rwanda. Ibyo bitabo byombi bitanga ubuhamya bw'ukuntu ababyiyandikiye bahereye ku ntangiriro y'intambara yabaye mu Rwanda kuva muri 1959, ari nayo yabaye impamvu yacu yo guhunga.
- Ubwabo ni bo batanga gihama y'iabyabaye icyo gihe ntacyo bahishe.
2. Umukolonize twahunze tuva mu gihugu cyacu ntagihari. Ubwo rero yagije ntitubona icyatuma tugomba kuguma mu mahanga.
3. Ku mugabane wose w'Afurika nitwe mpunzi twenyine turushije izindi ako kababaro k'ubuhunzi tumazemo imyaka 30, tukiri hanze y'igihugu cyacu. Izindi mpunzi cyane cyane iziri mu bihugu bihana imipaka n'u Rwanda, nk'u Burundi, Zaïre ndetse na Soudan n'ibindi, zasubiye mu buhugu byabo kandi zarahanze nyuma yacu. Kuki rero Leta y'u Rwanda ikomeza guhata kudashaka kutwakira ? Kuki yanga itaha ryacu ku butaka bwa ba sogokuruza.
4. Abakomeza gushyigikira ko ngo u Rwanda ari ruto, ko nta myanya ihari ihagije yo kutwakira, bagomba kumenya ibi bikurikira :
 - a) U RWANDA NI URWA TWESE ABANYARWANDA. Kandi ntawe utazi koko uko rungana. Ariko buri munyarwanda wese wifiza kuruturamo nta n'umwe ufite uburenganzira bwo kubimubuza. Niba hari ukeka ko bidashoboka kubona umwanya mu Rwanda, uwo nguwo ahubwo niwe ukwiriye kurubisamo abandi akgira mu cyindi gihugu yihitiyemo ku giti cye. Uwonguwo ashobora kuba ari Umuhutu, Umututsi cyangwa se Umutwa. Ubwo rero si ngombwa ko agomba kuba umututsi gusa.
 - b) Mu bihugu byose by'isi, si u Rwanda rutoya rwonyine. Hari n'ibindi bitoya kuri rwo kandi bituje abaturage babo mu ituze bikaba bitanasite na ba kavukire babo buhunze. Hari n'izindi ntara zagize impunzi kandi zikazicyura : nk'u Burundi mutayobewe na bwo ko ari buto. Ibindi bihugu bitoya nk'u Bubiligi, bufite abaturage baruta ubwinshi Abanyarwanda bose bari mu Rwanda no mu mahanga. Ariko ntibubyinubira. Kuki rero uburyo Ababiligi bakoresheje kugira ngo baturane bose hamwe mu bwumvikane, twe Abanyarwanda impamvu ki tutakoresha natwe ubwo buryo

- kugira ngo duturane mu gihugu cyacu kandi ku buryo bukwiriye?
- c) Impunzi z'Abanyarwanda ziri mu mahanga zirenze miriyoni enyiri ntabwo rero ari ko zose zizasubirira rimwe mu Rwanda:
- Hari bamwe muri zo bakiri mu mashuri;
 - Abandi bafite imirimo yo hejuru ituma batayivaho ngo basubire mu Rwanda;
 - Abandi nanone bafite imari nyinshi itabona imyanya mu Rwanda.
- d) Mu mpunzi z'Abanyarwanda ziri mu mahanga, hari abadafite n'umuntu n'umwe wo mu muryango wabo, cyangwa se n'inshuri mu Rwanda. Uguatana kwacu kwatewe n'umukolonize. Arikorwe yasubiye iwabo. Birababaje rero kubona hashira imyaka 30 ikibazo cy'impuンzi z'Abanyarwanda kidakemurwa, biturutse ku gatsiko gatoya kabitewe n'indonko nyinshi kihariye, kakaba gashaka kwikubira konyine Igihugu cyacu twese, uko kingana uko arikokose.

URWANDA NI URWACU TWESE:

- e) Turashaka gusubira mu gihugu cyacu. Nta butaka tuburana bwo guhingamo. Hari ibindi byinshi twakora byateza amajyambere u Rwanda, kandi tubona ko bifite akamaro kurusha isuka.

III. IBYIFUZO BYACU BYO GUSUBIRA MU RWANDA:

1. Hagomba gushingwa TABLE RONDE ihuza abahagarariye impunzi ziri hose, hamwe n'abahagarariye Leta y'u Rwanda kugira ngo basuzumire hamwe ku buryo bw'intabera no gukemura ikibazo cy'impuンzi.
2. Nk'uko ibyo byanditswe ku munsi w'impuンzi zo muri Afurika, mu kinyamakuru cyitwa NATION cyo ku wa 20.06.1989 urupapuro rwa 6 kivuga kiti: «KUGIRA NGO IMPUNZI ZISHOBORE GUSUBIRA MU BIHUGU BYABO KAVUKIRE, HAGOMBA IHINDURA RYIBYEMEZO BYFASHWE N'IBYO BIHUGU KUGIRA NGO IMPUNZI UBWAZO ZISHOBOREGUFATA ICYEMEZO CYO GUSUBIRA IWABONTA NKOMYI». Muri iyo

TABLE RONDE niho Leta y'u Rwanda hamwe n'abahagarariye impunzi bazashyiraho uburyo bukwiye kugira ngo impunzi zibe zarateguye gusubira mu Rwanda nta ngorane n'imwe.

3. Iyo table ronde igomba kuzaba ihagarariwe n'aba:

- Intumwa za O.U.A.;
- Intumwa za O.N.U.;
- Abahagarariye impunzi i Genève: U.N.H.C.R. n'abahagarariye impunzi mu bihugu byatwakiriye;
- Abahagarariye za Leta z'ibihugu byatwakiriye.

IV. ICYITONDERWA:

Ikibazo cy'impuンzi ntigishobora kubonerwa igisubizo n'igihugu kimwe gusa kubera impamvu zikurikira:

1. Icyo kibazo ni ikibazo rusange cy'impuンzi zose z'Abanyarwanda aho bari hose mu mahanga. Impamvu z'icyo kibazo ni zimwe kandi n'umuti wacyo ni umwe kuri bose. Kugira rero ngo icyo kibazo rusange gikemurwe, kandi n'igisubizo nacyo kigomba kubonerwa muri rusange.
2. Intumwa za Leta y'u Rwanda zigomba kuzira rimwe muri iyo Table Ronde. Kurobanurwa na Leta mu Rwanda hose. No mu gice cy'abahagarariye impunzi nabo nibamara kurobanurwa mu mpunzi aho ziri hose, bagomba nabo kuzira icyarimwe, kugira ngo nyuma y'aho dushyire muri rusange ibyifuzo byose bya buri ntara y'ubuhungiro, ibyo bikaba mbere y'uko duhurira muri iyo Table Ronde.
3. Impunzi nazo zigomba kwirinda gufata icyemezo ieyo ari cyo cyose ku buryo bwihererereye, n'yo cyaba kinaturutse mu ntara, bitari uko icyo cyemezo giturutse muri congrès nkuru y'abahagarariye impunzi barobanuwe mu bihugu twahunguyemo. Bitabaye ibyo, byatuma hongera kuvuka amacakubiri asa n'ayabayeho mbere, akaba ari nayo yatumye tuba impunzi. Ntibikwiriye rero kugira ngo twongere twishyire muri uko kwibeshya.

TURASABA RERO KO:

1. Ibihugu byose cyane cyane ibyatwakiriye hamwe n'ibindi by'inshti;
2. Abakuru b'amadini anyuranye;
3. N'abandi bahagarariye imiryango ireba ibyerekeye ukwigenga kw'ikiremwamuntu ku isi yose kugira ngo:

— Badutera inkunga no kutubonera tue n'abavandi-mwe bacu bari mu Rwanda, uburyo bwo gukemura icyo kibazo cy'impuンzi z'Abanyarwa kimaze imyaka 30, hanyuma tubone gusubira mu Rwanda n'ubumwe no mu mahoro, twubahiriza Démocratique nyakuri, hatarimo ivangura ry'amoko cyangwa ry'amadini no kubahiriza nyabyo itegeko rigenga IKIREMWAMANTU.

Mu magambo make, twongeye koherereza indamutso yacu ku bahagarariye intumwa nkuru ya O.N.U. bashinzwe iby'impuンzi i Nairobi, tunabagaragariza ibyishimo byacu byuje umutima no kubashimira kubera igitekerezo cyiza bagize badusaba ngo tubahe icyifuzo cyacu kerekeye ukubaho kw'impuンzi.

KIGELI V. J.B. NDAHINDURWA,
Sé

Co :

- Ambassades hamwe n'amashami ahagarariye ibihugu byabo muri Kenya, tubasaba ngo bazabimeneshe ibihugu byabo bahagarariye,
- Intumwa Nkuru ya O.N.U. ireba iby'impuンzi i Genève,
- Abahagarariye intumwa nkuru ya O.N.U. bareba iby'impuンzi i Burundi, Zaïre, Uganda na Tanzanie,
- Umunyamabanga Mukuru wa O.N.U. i New-York,
- Umunyamabanga Mukuru wa O.U.A. Addis-Abéba muri Ethiopie,
- Abakuru b'Amadini anyuranye.

IBYITWA «SONDAGE» NI UKUVUGA IKIKURI KU MUTIMA.

Spécial Sondage d'Opinion

I. PREFET:

NSHUNGUYINKA François,
Kuva 1976 kugeza ubu :

YEGO	OYA	X	V
------	-----	---	---

II. SOUS-PREFETS:

1. BIKUMBI Raphaël,
Kuva ku wa 28.07.1988;

YEGO	OYA	X	V
------	-----	---	---

2. RUSATSI, Jean Baptiste,
Kuva ku wa 08.07.1986;

YEGO	OYA	X	V
------	-----	---	---

3. SINARUHAMAGAYE Jean
Bosco,
Kuva ku wa 10.01.1983;

YEGO	OYA	X	V
------	-----	---	---

4. MINANI Faustin,
Kuva ku wa 02.11.1984;

YEGO	OYA	X	V
------	-----	---	---

Abo bose ni abafasha ba Perefe.
Uwo mubona adakorana umurava,
muzamusobanura mukoreshsheje ibyo
bimenyetso.

Ese bite n'ubutegetsi bundi na bwo :

Imitegekere y'Ururiko muri iki gihe :

— Umuteguka ni Militant
NGARAMBE :

YEGO	OYA	X	V
------	-----	---	---

— Abayobozi b'Tbitaro byo ku
Gisenyi :

YEGO	OYA	X	V
------	-----	---	---

— Inzego za Parquet zo nta
Procureur zirabona kuko
uwariho yahawe mutation
(yarahinduwe).

Ni nde mutifuza mubahakora ?:

— Izina rye :

— Impavu :

— Yirukanwe cyangwa ?:

— Ahindurwe se ?:

— Ubayobozi bw'Ibitaro byo ku
Gisenyi :

— Izina rye :

— Yirukanwe ?:

— Ahindurwe ?:

— Yikosore ?:

— Akomeze ?:

— Abakozi ba Electogaz bo ni
bashya, ntacyo nabavugaho.
Ndetse na Burugumesitiri wa
Komini Rubavu aje vuba aha
ntacyo twari twamuvugaho ubu.

— Abayobozi ba Gasutamo nabo
bagezweho :

— Amazina :

— Birukanwe ?:

— Bahindurwe ?:

— Bagumeho ?:

— Inspecteur w'Ubucuruzi :

— Izina rye :

— Yirukanwe ?:

— Ahindurwe ?:

— Agumeho ?:

— Intumwa za Rubanda :

NSEKALIJE Aloys ;

— Yaje muri Komini ?:

— Yaje mu nama ?:

— Yaje mu kabari ?:

— Yaje : a) mu bibazo bye ?

— Yaje : b) mu by'abaturage ?:

